

# **“GUTABAZA YESU MU BYO DUKENEYE BYIHUTIRWA”**

*Icyumweru cya 13 - Iminsi 100 yo Gusenga*

*Ku ya 19 Kamena - 25 Kamena 2020*

## **UMURAGE MWIZA**

**Byateguwe na:** Frank M. Hasel

Sogokuru wanjye witwaga Franz Hasel (Soma: Frenzi Haseli), yari Umupasitoro wejejwe w’itorero ry’Abadiventiste b’umunsi wa karindwi mu Budage. Mu buryo bunyuranije n’ubushake bwe, yinjijwe mu gisirikare mu ntambara ya kabiri y’isi yose. Kubera ko sogokuru wanjye yashakaga kubahiriza amategeko y’Imana harimo n’itegeko rya “ntuzice,” agezemo yasabye gukorera mu bitaro by’ubuvuzi yanga gukoresha intwari ariko icyifuzo cyeye n’icyakiriwe; ahubwo yashyizwe mu rindi tsinda mu gisirikari bita inite maze ajya ku ruhembe rw’imbere mu kuba umwanditsi w’iryo tsinda. Yafashe icyemezo cyeye cyo kutica ku buryo yatwaraga imbunda ye ikoze mu giti mu bubiko bw’imbunda bafunga ku mukandara mu gihe bari mu ntambara. Nubwo ibihe byinshi yatekerezaga ko ashobora gupfa, ibihe byinshi Imana yagiye irinda sogokuru mu buryo bw’igitangaza. Inkuru y’ibyamubayeho wayisoma mu gitabo **(A Thousand shall fall)**.

Muri ibyo bihe Sogokuru yakundaga no kutubwira inkuru zitagaragara muri icyo gitabo zo mu gihe yakoraga mu Burusiya kandi hari kure y’iwabo. Mu itsinda yabarizwagamo bita inite yahawemo inshingano zo gusaka mu mazu ya buri mudugudu abadage bari barigaruriye mu gihe barwanaga n’Uburusiya. Bategetswe gushakisha abarwanyu babarwanyaga, bashobora kuba bari bihishe mu ngo maze bagatera ku birindiro by’ingabo z’abadage. Bari babwiwe uwo mwanya ko batarobanuye ko bahita barasa umuntu wese basanga yihishe.

Umunsi umwe, ubwo Sogokuru yashakishaga mu nzu yitonze, yumvise ko muri icyo nzu hari ikintu kidasanzwe. Mu gihe yinjiraga mu cyumba runaka, nta kintu na kimwe yasanze ariko akomeza gukomeza ko byanze bikunze hari ikintu kirimo. Yitegereje munsi y'igitanda, abona umusore uri kumwitegereza neza. Sogokuru yari azi ko aramutse ashize ahagaragara uyu musore byanze bikunze yaraswa. Bafunze amaso nko mu gihe cy'igice cy'isegonda cyagaragaraga nk'aho ari igihe cy'iteka ryose, maze sogokuru arahaguruka, aya muri icyo cyumba, ntiyatangaza ibyo yabonye. Yagiriye impuhwe uyu musore arokora ubuzima bwe.

Hashize ibyumweru byinshi, sogokuru yashinzwe kurinda inzira ya gari ya moshi. Inshingano ye kwari ukureba niba nta barwanyi bahari bashobora gutera bombe iyi gari ya moshi. Mu gihe yari ari ku burinzi wenyine, itsinda ry'abasirikare b'abarusiya bari ku mafarasi yabo baramubonye. Nta buryo bwo kubacika yari afite. Yatangiyeye kwibaza we ubwe ukuntu agiye gupfa. Yizeraga ko rwose byanze bikunze bazamwica.

Uwo mwanya mu kanya nk'ako guhumbya baramugose asigara hagati ariko sogokuru yarikanze igihe yitegerezaga umuyobozi uyoboye izo ngabo. Yari wa musore yari yarabonye yihishe munsi y'igitanda muri ya nzu yamusangamo. Bakirebana, ako kanya bahise bamenyana maze uwo musore komanda w'ingabo z'abarusiya atunga imbunda Sogokuru, amucira isiri amubwira ngo:” Kandi ubu nakwica”. Aramubwira ati: “wagize ubugwaneza ukiza ubugingo bwanjye. None nanjye nzarokora ubugingo bwawe” maze ahita ateguka abantu bari kumwe nawe bamuheka ku ifarashi baramujyana. Mu butabazi bw'Imana, ubugingo bwa Sogokuru bwararokotse. Urukundo rwo kugiraneza kwe yagiriye uwo musore no gukiranukira Imana kwe byaramugarukiye biramukiza. Ndashimira Imana ubuzima bwiza, urugero rwiza rwo gukiranuka n'urukundo rwuje kugiraneza bya sogokuru yadusigiye. Uyu murage ukwiriye kuba uwacu twese.

Hari ikintu cy'umwihariko kubyerekeranye no gukiranuka. Nubwo ushobora kutaba icyamamare cyane cyangwa ukaba umutunzi udatunze byinshi, ntushobora kuba umukiranutsi ukiranuka gake. Gukiranuka hari ibintu bikuranga by'umwihariko gusaba kwitabwaho bitavangiye. Ushobora gukiranuka 100 ku ijana cyangwa ugakiranirwa. Nukiranuka kuri 95 ku ijana, ntabwo uzaba ukiranuka ahubwo uzaba ukiranirwa. Gukiranuka bisaba ubwitange bwuzuye. Imana ntishaka gukiranirwa kwacu ahubwo ishaka ko tugira gukiranuka kwuzuye kandi tukiye gurira Imana mu buryo bwuzuye.

Mu isezerano rya kera, dusomamo igitekerezo cya “Daniyeli wajugunywe mu rwobo rw'intare kubera ko atashakaga guteshuka ku kwizera Imana. Igihe byagaragaraga ko Daniel ari umunyabwenge kandi ko umwami yamwiringiraga, abanzi be bamugiriye ishyari bashakisha uburyo bamushinja amakosa. Abatware bakomeye n'ab'intebe bashaka impamvu yose yatsindisha Daniel mu by'ubutware, ariko bamuburaho impamvu cyangwa igicumuro kuko yari umwiringirwa, ntabonekweho n'amafuti cyangwa igicumuro” (Daniyeli 6: 5). Ibyiringiro byanjye ni uko abanzi bacu (niba hari abo dufite), inshuti zacu ndetse n'abantu bose bitegereje imyitwarire yacu muri iki gihe cy'icyorezo cya COVID-19 bizasobanuka niba natwe bazadusangana imico nk'iyo ya Daniel. Dushobora kuba abantu bazwiho urukundo, gukiranuka bizira uburyarya, tukaba twabera n'abandi urugero rwiza ndetse bashobora kutwubahira gukiranuka kwacu mu tuntu duto twa buri muni dukora. Ndetse nka Daniel, dushobora kwizera Imana itwitaho nk'uko dukiranukira Imana tukagenda mu bushake bwayo. Tutitaye ku bizatubaho mu gihe cy'ahazaza, reka tube abagabo n'abagore bagirira neza bagenzi babo kandi bakiranukira Imana n'Ijambo ryayo.

## **IBIBAZO BYO KUZIRIKANA**

Ni buryo ki ushobora kugeza ibikorwa bizira amakemwa ku nshuti zawe zigukikije? Ni hehe ufite imbogamizi zituma utabasha kugirana ubucuti n'abandi no gukiranukira Imana? Ni ubuhe buryo bwihariye wifuza ko wakuza mu mibereho yawe ikiranuka? Daniyeli ni urugero rwiza rw'ukuntu umuntu ashobora gukiranuka ku Mana maze akabera umucyo abagize ubwami bwose. Ni buryo ki ubucuti bwawe bushobora gufasha abandi kubona imico y'ukuri y'Imana kandi ni buryo ki gukiranuka kwawe ku Mana gufungura imiryango kugira ngo werekane gukiranuka kwayo ku bantu bose bagukikije?

## **IMBOGAMIZI TUGOMBA KUZIRIKANA**

Bishobora kworoha guhamya gukiranukira Imana mu ruhame haba mu buryo bw'ibyo tuvuga no mu ndirimbo. Nyamara, akenshi usanga mu bintu bito cyane byo muri ubu buzima igihe nta muntu ukureba cyangwa iyo nta muntu uzi ukureba nibwo ubudahemuka bw'umuntu ukiranuka busuzumwa. Saba Imana igufashe kubona ibintu bitagenze neza mu buzima bwawe ukaba ukeneye kugira icyo wabikoraho. Saba Yesu ature mu buzima bwawe kandi umusabe imbaraga zo guhitamo inzira yo gukiranuka mu gihe ugeragezwa.

“Kuba umuntu agaragaza gutwarwa cyane mu by'umwuka mu buryo budasanzwe si byo gihamya kidakuka cyerekana ko ari umukristo. Ubutungane si ugutwarwa ahubwo ni ukwegurira Imana ubushake bwacu bwose. Ni ukubeshwaho n'ijambo ryose riva mu kanwa k'Imana. Ni ugukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka. Ni ukwiringira Imana mu bigeragezo, mu mwijima kimwe no mu mucyo. Ni ukugendera mu kwizera atari mu bigaragarira amaso. Ni ukwishingikiriza ku Mana tuyiringiye tudashidikanya kandi duturiye mu rukundo rwayo.

**(Ibyakozwe n'intumwa, P.51)**

# **Umunsi wa 85 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatandatu w'isabato, 19 Kamena 2020**

## **RAPORO ZO GUSHIMA**

- Lovesky J. (Soma: Lavesiki J.) Yaravuze ati: Imana yashyize mu mutima wanjye ubushake bwo gusangira ubutumwa bw'iminsi 100 y'amasengesho n'abandi bantu ku buryo mu munsi umwe abantu barenga 500 biyandikishije kugira ngo njye mbagezaho ubutumwa buturutse kuri Watsapu na telegaramu. Dusenga buri mugoroba saa munani.
- Turabona Umwami aha imigisha n'ubwenge abayobozi b'itorero n'abizera b'itorero bose ku isi yose kugira ngo bakemure imbogamizi bahuye nazo muri iki gihe cy'icyorezo cya covid-19. Amafaranga, ubuzima, guhanga amatorero, Imana iri gukora umurimo wayo binyuze mu mugaru!

## **IBYIFUZO BYO GUSENGERA**

1. Gusaba kurushaho gukiranuka mu mibereho yawe no kugira buri gihe umutima urangwa n'ubugwaneza bubonerwa muri Yesu.
2. Gusabira inzu bita Manna; ni ikigo cyiza cyita ku isuku gihereye mu Bwongereza giteganya gukora gahunda ya COVID-19. Ni gahunda irarikira abantu kwiye gurira Yesu binyuze mu butumwa bwo kwita ku magara mazima. Sabira ibyemezo bya leta by'iby ikomeye kugeraho.
3. Gusabira ikigo cy'amahugurwa bise "abamisiyoneri 1000" bo mu majyaruguru ya Sumatara kimwe n'ibigo byose bihugura abamisiyoneri, kugira ngo babone uburyo bwo gukomeza umurimo wabo n'ubwo icyorezo cya COVID-19 kikiraho.

4. Gusabira abizera bapfushije ababo ndetse n'inshuti zabo bakundaga muri iki gihe cy'icyorezo cyangwa bagapfa bitewe n'izindi mpamvu.

## **Umunsi wa 86 - Kwibanda ku masengesho - Isabato, 20**

### **Kamena 2020**

#### **Isezerano ry'ibyiringiro**

“Ntimuhagarike imitima yanyu, mwizere Imana nanjye munyizere. Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi: iyaba adahari mba mbabwiye, kuko ngiye kubategurira ahanyu. Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu nzagaruka mbajyane iwanjye, ngo aho ndi namwe muzabeyo.” - **Yohana 14: 1-3**

“Hano si iwacu, turi abagenzi gusa n'abimukira. Turi kujya mu gihugu cyiza cyo mu ijuru. Erekeza intekerezo zawe kuri ibi bintu kandi mu gihe ukibitekereza, Kristo azaba ari iruhande rwawe rw'iburyo.”

**(Life Sketches of Ellen G. White, p. 293)**

#### **IBIBAZO BYO KUZIRIKANA**

Kubera imbabazi z'Imana, ubuntu bwayo n'ubugwaneza-bwuje urukundo, twahawe ibyiringiro. Ibyiringiro by'ejo heza, ibyiringiro byo kubabarirwa ibyaha no gutsinda icyaha n'ibyiringiro byo kuzabona ubugingo buhoraho. Satani n'iyi si biduha impamvu zitabarika zo kuzinukwa ubuzima. Muri Yesu, "Ibyo Imana yasezeranije byose muri we ni mo "Yee" iri. **(2 Abakorinto 1:20).**

Mbese ntiwahitamo gukomera ku masezerano y'ibyiringiro wahawe n'Imana ibinyujije mu ijamba ryayo kandi ikabihamya binyuze mu maraso ya Yesu?

Mbese ntiwasaba Yesu kugufasha gukomeza guhanga amaso ku byiringiro byo kugaruka kwe bwa kabiri no kuzabana nawe mu buzima bw'iteka ryose?

## **RAPORO ZO GUSHIMA**

- Anonymous (Anonimasi). Yaravuze ati: Twasabye Imana gutanga uburyo bwo kubaka urusengero kandi yakoze ku mutima w' umucuruzi bituma aduha impano y'ibyari bikenewe byose.
- Indwara ya COVID-19 iragenda igabanuka buhoro buhoro mu Burayi n'ahandi hantu hamwe ku isi yose. Imibare y'abashyirwa mu bitaro iragenda igabanuka nubwo ibihugu byongeye gufungura abantu bakava mu kato bityo banagikomeje gahunda yo guhana intera no kubahiriza amabwiriza y'ibyo basabwa.

## **IBYIFUZO BYO GUSENGERA**

1. Gusaba Yesu kuguhishurira ibyiringiro by'ikuzo ufite muri Kristo Yesu.
2. Gusaba guhinduka kw'abagize umuryango wawe, inshuti, abo mukorana, ndetse n'andi mazina menshi yoherejwe mu matsinda y'iminsi 100 y'amasengesho.
3. Gusabira abizera bafite ibibazo mu by'umwuka, mu by'umubiri, cyangwa mu by'ubukungu kugira ngo bakomeze gukomera mu gihe cy'ibigeragezo bitandukanye no guhanga amaso kuri Kristo kugira ngo abatabare.
4. Gusabira amatorero anyuranye n'ibyiciro muri konferansi y'amajyepfo y'Ubwongereza. Saba ngo hakorwe ibitangaza mu by'umutungo kugira ngo hahangwe amatorero no kuvugurura inyubako zisanzwe bityo babashe gufasha abaturage babakikije.

# **Umunsi wa 87 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa mbere wa Sabato 21 Kamena 2020**

## **Isezerano ry'ibyishimo**

“Kwiringira k’umukiranutsi ni umunezero.” **Imigani 10: 28a**

“Ubugingo bukunda urukundo rwa Kristo bwuzuye umudendezo, umucyo, n'ibyishimo. Mu bugingo nk’ubwo nta bitekerezo bitandukanijwe. Umuntu wese yifuza Imana. Ntanga abantu ngo bamubwire inshingano ye, ahubwo ajya kuri Kristo, we soko y'ubwenge bwose. ” **(Reflecting Christ, p. 114)**

## **IBIBAZO BYO KUZIRIKANA**

Mbese wigeze wiyumvamo umunezero ukomoka ku Mana? Wiyumvamo ibyishimo byo kubana n'Imana; kubana nayo binyuze mu masengesho n'Ijambo ryayo? Iyo ubonye Yesu mu bwiza bwe bwejwe, "kwishimisha" kwose kwa hano ku isi kugenda gushira kugeza ubwo wumva ntacyo kuvuze. Yesu, mu bwiza bwe butagereranywa buzuzura umutima wawe umunezero utabasha kubona kuri iyi si!

Mbese urashaka kubona umunezero mvajuru? Umunezero w'agakiza, umunezero wo gukiranuka, umunezero w'ubwumvikane n'umunezero wo gushyikirana n'Imana?

Ni kuki utasaba Imana ngo igusogongeze ku buryohe bw'umunezero ukomoka kuri yo mu gihe mumarana mu masengesho no mu gihe wiga Ijambo ryayo?

## **RAPORO ZO GUSHIMA**

- Novo Tempo (Hope Channel ifatiye kuyo muri Berezile) yiyemeje kubwiriza ubutumwa ikora amasaha 24/iminsi7. Icyumweru kibanziriza Pasika, ni igihe cyihariye cyo kuvuga ubutumwa muri Diviziyo y'amajyepfo ya Amerika. Igihe



amatorero yose yari amaze gufungwa kubera icyorezo cya covid-19, abayobozi barasenze maze biyemeza gukora amateranimo y'ivugabutumwa yayobowe n'umuvugabutumwa Luwi Gonsalvesi bituma abantu 30.256 basaba kubatizwa. Ni ukuri Imana ishoboye gukora byose icyarimwe kugira ngo igirire neza abantu bose bayubaha.

- Anonymous (Soma: Anonimasi) yaravuze ati: Binyuze mu minsi 100 y'amasengesho yo gusoma, naje kubona ko nkeneye byinshi bikomoka kuri Yesu. Ndashimira Imana kubw'urukundo n'ubuntu bwayo yangiriye!

### **IBYIFUZO BYO GUSENGERA**

1. Gusabira imitima yacu kuzura buri gihe umunezero mvajuru.
2. Gusabira abizera bahura n'ibigeragezo bitandukanye ku bijyanye no kuruhuka Isabato. Sabira gukiranuka kwabo kugira ngo bamurike umucyo n'ubwo bari kunyura mu ngorane ndetse no mu gutotezwa.
3. Gusabira ishuri rikuru ry' Abadiventiste b'umunsi wa kalindwi rya Naga ho muri Filipine kugira ngo rikomeze kubaho muri iki gihe cy'icyorezo cya COVID-19.
4. Gusaba Imana guhagarika iki icyorezo cya COVID-19; haba mu turere twa: Rusizi, Rubavu, umujyi wa Kigali ndetse na Kirehe tutibagiwe no ku isi yose aho bacyugarijwe n'iki cyorezo.

## **Umunsi wa 88 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa Kabiri w'isabato, 22 Kamena 2020**

### **Isezerano ry'urukundo**

“Ni ukuri nagukunze urukundo ruhoraho, nicyo cyatumye ngukuruza ineza nkakwiyegereza”. (Yeremiya 31: 3)

“Hateguwe umugambi aho muri wo Ubuntu butangaje n'urukundo rwa Kristo bizahishurirwa abatuye isi bose. Urukundo rw'Imana rwahishuriwe mu giciro kitagerwa cyatanzwe n'Umwana w'Imana kugira ngo acungure umuntu. Uyu mugambi uhebuje w'agakiza urahagije mu byo wateganiye byose kugira ngo abatuye isi bose bakizwe. Umuntu w'umunyabyaha kandi waguye ashobora kuzurizwa muri Yesu Kristo kubwo kubabarirwa icyaha no kubwo gukiranuka kwa Kristo ahabwa. (Ubutumwa ku basore P.121)

### **IBIBAZO BYO KUZIRIKANA**

Imana ni urukundo. Iyo ufunguye kuri uku Kuri hanyuma ugatangira kubona ibyo akora byose akoresheje umurunga w'urukundo rutunganye, ubuzima bwawe buzahinduka kandi nawe urukundo rwe ruzakugaragara. Uzahinduka umuyoboro w'urukundo rw'Imana. Isezerano ryose ry'Imana ni isezerano ryakomotse ku rukundo. Imana kubw'urukundo rwayo, irifuzza kukugira umuntu urangwa n'urukundo!

Mbese ntiwareka urukundo rw'Imana rugakora umurimo warwo wo gushongesha kwikunda kose kuri mu mutima wawe? Ntiwareka Yesu, abinyujije mu Ijambo rye, ngo agusobanurire icyo urukundo nyarwo rwumva, uko rusa n'uko rukora? Ntiwakwemera ukaba umuntu urangwa n'urukundo rw'ukuri?

## **RAPORO ZO GUSHIMA**

- Francisca A (Soma: Furansisika A.) Yaravuze ati: Iminsi 100 y’amasengesho yaramfashije. Njye n’abana banjye byatumenyereje kujya dusenga buri muni mu gitondo na buri mugoroba. Ndashimira Imana kubw’iki gihe cy’amasengesho. Inshuti y’umukobwa wanjye yaje kumusura kandi tubana muri ayo masengesho. Yagiye iwabo asaba umuryango wabo kujya basenga buri muni. Ibyo n’ubu bakaba babikora bishimye!
- Mike yahoze ahanganye b’ibihe bitoroshye muri iki gihe cya guma mu rugo. Umunsi umwe, ubwo yashakishaga programu kuri TV yaje kugera ku muyoboro w’ ibyiringiro (Hope Channel). Yaravuze ati: “Nkeneye ibyiringiro”. Yahise atangira kureba uburyo bari kwiga ibyigisho bya Bibiriya n’izindi gahunda zitera imbaraga. Yarebye urukurikirane rwose rw’ibiri mu gitabo cya Daniyeli n’urundi rukurikirane rw’ibiri mu gitabo cy’ibyahishuwe. Umusaruro waje kuva mu masomo ye ni uko yahisemo kwiyegurira Yesu byimazeyo!

## **IBYIFUZO BYO GUSENGERA**

1. Gusaba Imana kuguha umutima ushima byimazeyo kandi mu buryo bwuzuye, kwakira no gushyira mu bikorwa urukundo rw’Imana mu buzima bwawe.
2. Gusabira Evangeline N. n’abandi Bantu bahanganye n’indwara ya kanseri n’izindi ndwara zitandukanye. Basabire gukira.
3. Gusabira abizera bashya babatijwe binjiye mu itorero vuba aha muri iki gihe cy’icyorezo cya covid-19. Senga kugira ngo mu gihe nta busabane bwa gikristo kimwe n’imirimo y’itorero bye kuburizamo icyemezo bafashe cyo kwiyegurira Kristo.
4. Gusabira itorero rya Hamiltoni ry’abadiventiste b’umunsi wa kalindwi muri Canada. Saba Imana ngo ihe umugisha uburyo bwo guhanga udushya mu

rwego rwo guteza imbere umurimo muri iki kigo cyabo cyita ku buzima gifasha abahakikije, gutekera abanyeshuri n'ibindi

## **Umunsi wa 89 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatatu w'Isabato, 23 Kamena 2020**

### **Isezerano ryo guhabwa ubwenge**

“Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose itimana, itishama kandi azabuhabwa.” **(Yakobo 1: 5)**

“Imana dukorera ntirobanura ku butoni. Iyahaye Salomo umutima w'ubushishozi n'uyu munsi ishaka guha abana bayo uwo mugisha. Iyo umuntu ufite inshingano yifuje ubwenge akaburutisha kwifuza ubutunzi, imbaraga cyangwa kuba igihangange ntakorwa n'isoni. Bene uwo muntu azigira ku mwigisha mukuru. Ntabwo azamwigiraho icyo agomba gukora gusa ahubwo azamwigiraho n'uko agomba kugikora mu buryo Imana yemera. **(Abahanuzi n'Abami, P.17-18)**

### **IBIBAZO BYO KUZIRIKANA**

Yesu niwe dukomoraho ubwenge. Azi neza ibihe byose dukeneramo ubwenge buruseho twifashisha mu bikorwa, inama dukeneramo ubwenge kurushaho n'inzira nziza y'ubwenge bwo gutera imbere. Mu buzima duhura n'ibibazo byinshi bishobora kuba bifitanye isano n'umurimo wawe wahamagariwe gukora. Ibibazo biri mu muryango wawe no mu murimo wawe. Duhora dukeneye buri gihe ubwenge mvajuru. Imana ishimwe yo ifite ubushake bwo gutanga ubwenge ku bantu bose babusaba!

Mbese urifuza ko Imana yakuguranira igasimbuza ubupfu bw'ibitekerezo byawe ubwenge buturuka ku Mana? Mbese ufiite ubushake bwo kwemera inama zikomoka

ku Mana niyo zaba zinyuranya n'"ubwenge" bw'isi n'ibitekerezo byawe bwite? Ntiwafungurira umutima wawe inama z'ubwenge zikomoka kuri Yesu zerekeza mu buzima bwo gutsindishirizwa n'urukundo?

### **RAPORO ZO GUSHIMA**

- Enock C. (Soma: Enoki C.) yaravuze ati: icyubahiro no guhimbazwa bibe iby'Uwiteka. Mu gihe cya guma mu rugo twagize ibihe bihagije byo kwigira mu muryango mu buryo bwimbitse igitabo cy'Itangiriro, twigishwa n'umuhungu wacu w'imyaka 27. Byari umugisha ukomeye kumenya uburyo igitabo cy'Itangiriro kirimo ubutunzi bwinshi. None byatumye tugira umuco wo kwiga Bibiliya mu muryango!
- Robert C. (Soma: Roberi C.) yaravuze ati: Umurongo w'amasengesho warafunguwe mu gihe cy'icyumweru cyose kugira ngo habeho kuvuga ubutumwa, ubu amavuna akaba yararangiye muri konferanse ya Arizona. Abafashe icyemezo cyo kubatizwa babatirijwe mu matorero, mu mugezi n'ibidendezi!

### **IBYIFUZO BYO GUSENGERA**

1. Gusaba ubwenge bukomoka ku Mana kugira ngo ubusobanukirwe mu gihe umara usabana n'Imana.
2. Gusabira insengero z'itorero ry'Abadiventiste, amashuri n'ibigo mu gihe bari mu masengesho kandi bategerezaniye ubwitonzi bwinshi ibyemezo bizafatwa mu gihe cyo kwongera kubaha uburenganzira bwo gufungura.
3. Gusabira abasore n'inkumi b'abadiventiste b'umunsi wa kalindwi kugira ngo biyegurire Yesu kandi bazabone abafasha/abatware bubaha Imana.
4. Gusabira ibitaro by'Abadiventiste b'umunsi wa kalindwi bya Tokiyo, bimaze imyaka irenga 90 bifasha abatuye mu mujyi. Saba Imana ngo ibahe umugisha

kandi iteze imbere umurimo wabo ngo abatuye mu muji wa Tokiyo bakire indwara z'umubiri n'iz'iby'Umwuka.

## **Umunsi wa 90 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa Kane w'isabato, 24 Kamena 2020**

### **Isezerano ryo guhabwa imbaraga**

“Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga.” - Abafilipi 4:13

"Iyaba abantu bose babashaga kumenya ubushobozi n'amahirwe biteguriwe abantu bose bagira Kristo umugenga wabo n'ibyiringiro byabo." (Letter 45, 1893, par 33)

### **IBIBAZO BYO KUZIRIKANA**

Imana ishobora byose. Nta kintu na kimwe kiyinamira, kigoye cyangwa kiyikomera – Ni Umuremyi w'ibiriho byose. Ahitamo gukoresha imbaraga ze kugira ngo afashe, akize kandi atwongerere imbaraga. Kubera ko amagambo ye ari mo imbaraga n'ubuzima, amategeko ye yose, ubuyobozi bwe n'amabwiriza atugeraho, aduha isezerano ry'uko bizasohorera no mu buzima bwacu binyuze mu kwizera. Bene uko kwizera kutuzanira imbaraga zasezeranijwe ubugingo bukiranuka.

Mbese ntiwahitamo uyu munsi kwizera imbaraga z'Imana zaguteganiyijwe binyuze mu kwizera? Mbese ntiwakwizera Yesu, Jambo wigize umuntu, uguha ubushobozi bwo gukora ibigendanye n'ubushake bwe? Mbese ntiwakwemera gukorana na Yesu kugira ngo ubeho imibereho ikiza, ifasha ikanasubizamo abantu intege?

### **RAPORO ZO GUSHIMA**

- Mushikiwabo D. Yaravuze ati: Maze imyaka myinshi nshishikariza musaza wanjye kujya mu rusengero. Ubu uko tugenda dusengera ku mbuga nkoranyambaga, yagiye

a za akifatanya natwe buri Sabato! Senga kugira ngo azegurire Umwami umutima we kandi Imana izamucire inzira yo kuzajya mu rusengeru.

• Gem C. (Gemu C.) yaravuze ati: Turashimira Uwiteka ku bw'amasengesho menshi y'abayobozi bo muri Filipine. Ubuzima bwabo bwarahindutse mu gihe cy'amasengesho. Ku ikubitiro, bamwe muri abo bayobozi banze kwakira umuhamagaro wo kuba abayobozi b'amasengesho ariko ubu benshi bavanye umunezero mwinshi mu kwizera. Mu by'ukuri, ibihe by'amasengesho byabaye isoko y'imbaraga zabo muri iki gihe cy'icyorezo cya covid-19.

### **IBYIFUZO BYO GUSENGERA**

1. Gusaba kwizera amasezerano y'Imana. Yadusezeraniye ko izaduha imbaraga zitubashisha gukora ibigendanye n'ubushake bwayo.
2. Gusabira ingo zasenyutse ngo zisubirane, kugira ngo haboneke ubwiyunge hagati yabatandukanye no gusaba ko Yesu yaba ihuriro ry'abashakanye bose mu muryango wabo.
3. Gusabira Mushikiwabo T. ukomoka muri Tanzaniya, uri mu kubabazwa mu buryo butandukanye kubera icyemezo yafashe cyo kuba umudiventiste w'umunsi wa kalindwi.
4. Gusabira ikigo gishya cyo muri Belarusi gitanga ikibuga cyo gukiniramo. Batanga ibikoresho ku bantu bafite ibyo bakeneye bidasanzwe n'ibindi byinshi. Saba Imana ngo ibahe umugisha kandi iteze imbere uyu mushinga. Saba kandi ngo abakozi bagikoramo bamenyeshe Imana abashyitsi babagana.

# **Umunsi wa 91 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatanu**

## **25 Kamena 2020**

### **Isezerano ry'ubugingo**

“.....Nuko uhitemo ubugingo, ubone kubaho wowe n’urubyaro rwawe, ukunde Uwiteka Imana yawe uyumvire, uyifatanyeho akaramata kuko ariyo bugingo bwawe no kurama kwawe, kugira ngo ubone kuba mu gihugu Uwiteka yarahiye ba Sekuruza banyu, Aburahamu na Isaka na Yakobo ko azabaha”.

**(Gutegeka kwa kabiri 30:19-20).**

“Umutangabugingo azahamagara abo yaguze mu muzuko wa mbere kandi kugeza ku isaha yo gutsinda, mu gihe impanda ya nyuma izavuga. Ingabo nyinshi zizazuka. Zizabona intsinzi y’iteka ryose. Umuntu wese wapfuye yizeye azasinzirira mu mutekano kandi azaba arinzwe nk’umutako w’igicro cyinshi. Imana izi izina rye. Ku bw’imbaraga z’Umukiza wabakoreragamo bakiriho kandi kubera ko bari basangiye nawe kamere mvajuru, abo nibo bazabanza kuzuka mu muzuko wa mbere bakavanwa mu bapfuye. ” **(Maranatha, p. 300)**

### **IBIBAZO BYO KUZIRIKANA**

Mbega ukuri gutangaje! Imana, yo soko y'ubuzima bwose, irashaka guha abantu bose bizera imbaraga zo kubaho ubuzima burangwa n’urukundo, bakiranuka kandi bwatsindishirijwe ku ruhande rw’ijuru. Ariko sibyo gusa, yishimiye kandi guha ubugingo bw’iteka abana bayo kugira ngo bazabane nayo ubuziraherezo mu buzima bwiza, mu byishimo, umunezero n'ubwumvikane! Imana ishimwe!



Waba waramaze kwakira utanga ubugingo, uhindura ubuzima kandi akabukungahaza mu nkuru nziza y'ukuri kuri muri Yesu? Mbese ujya utekereza ku munsu w'umuzuko, igihe abizera bese bazahabwa ubugingo budapfa kugira ngo bishimire ubugingo bw'iteka ryose bari kumwe n'Imana yacu y'igiciro cyinshi kandi yuje urukundo?

### **RAPORO ZO GUSHIMA**

- Carme A. (Soma: Karume A.) yaravuze ati: Ndi ingaragu, ndera abahungu batatu, umunyeshuri w'igihe cyose, nkora kandi mfite uruhare runini mu murimo w'itorero ryacu. Nubwo nsabwa cyane igihe n'imbaraga, Imana ibimfashamo. Twagiye dukora gahunda yiminsi 100 y'amasengesho haba ku bana, ku rubyiruko ndetse n'abakuzwe buri munsu. Abakiri bato baritabiriye cyane, barasenga kandi babaza ibibazo. Nubwo nkeneye amafaranga yo kwiga ariko ndashima Imana kuba yaranyigishije byinshi kandi ikampa umugisha cyane muriki gihe cy'icyorezo cya covid-19. Nishimiye gukora umurimo!
- Turashima Umwami ko bamwe mu bakozi b'ubutumwa bwiza mu burasirazuba bwo hagati bafite imbaraga nshya mu by'Umwuka. Bamwe muri bo bavuye mu itorerero kubera gucika intege no kubura ububyutse. Ariko kubera amasengesho duhuriraho ku mbuga nkoranyambaga muri iki gihe cy'iminsi 100 y'amasengesho, bifuzwa kongera kugaruka bakaba abizera mu itorerero.

## **IBYIFUZO BYO GUSENGERA**

1. Gusabira kubona ubugingo busesuye kandi bwinshi Yesu yadusezeranije.
2. Gusabira abimukira b'Abadiventiste b'umunsi wakalindwi bose n'abantu babaho bagendera kuri viza kubera ko bitewe n'uburyo babayeho, badashobora kubona ubufasha bwa leta muri iki gihe cy'icyorezo cya covid-19. Basabire kugira ngo babashe kubona ibikenewe mu buzima.
3. Gusabira abana b'Imana banduye coronavirusi aho bari hose kuri iyi si yacu.
4. Gusabira ishuri rya Rositoke ryo mu Burusiya rifasha abana bafite ubumuga, ritanga integanyanyigisho yuje urukundo ishingiyeye kuri Kristo ituma abana bagira umunezero ndetse n'ababyeyi. Saba Imana kugira ngo itange imigisha kubw'uyu murimo ukomeye no ku bakozi baryo, abanyeshuri n'ababyeyi.
5. Gusaba Imana ngo ikomeze gufasha abaganga, abaforomo, abashinzwe isuku, abashinzwe umutekano n'abandi bose bakorera mu bitaro byakira abanduye icyorezo cya covid -19, Basabire kugira ngo Imana ibarinde be kuzanduzwa n'abarwayi. Saba Imana ifashe abarwayi bakire.